## Global Storybooks


globalstorybooks.net

## Abana Mu Biruhuko Kwa Nyirakuru

Violet Otieno
Catherine Groenewald
Aloysie Uwizeyemariya

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

# Abana Mu Biruhuko Kwa Nyirakuru




Violet Otieno
Catherine Groenewald
Aloysie Uwizeyemariya
4
Ikinyarwanda rw



Umutoni na Hirwa babanaga na se mu mugi. Bifuzaga ko ibiruhuko bigera vuba. Ibyo ntibyari ukubera ko bashaka kuruhuka amasomo gusa, ahubwo bashakaga no kujya gusura Nyirakuru. Nyirakuru yari atuye hafi y’ikiyaga kinini hakaba harakorerwaga imirimo y’uburobyi cyane.



Umutoni na Hirwa bari banejejwe cyane nuko igihe cyari kigeze ngo basubire gusura nyirakuru. Bapakiye ibikapu byabo bitegura urugendo rurerure bagombaga gukora bukeye bwaho. Iryo joro ntibasinziriye, baraye bavuga iby’ibiruhuko.



Mu gitondo kare kare, bafashe inzira bajya mu cyaro kwa nyirakuru. Se yari abatwaye mu modoka ye. Baragiye barenga imisozi bafata iyindi, banyura ku nyamaswa zo mu gasozi, baca ku mirima y'icyayi barakomeza. Bagendaga babara imodoka banyuzeho ndetse bakanaririmba uturirimbo.






Umutoni na Hirwa basubiye ku ishuri babwira inshuti zabo iby'ubuzima bwo mu cyaro. Abana bamwe bumva ubuzima bwo mu mugi ari bwo bwiza. Abandi bumva kuba mu cyaro ari byiza kurusha kuba mu mugi. Icyo bose bahurijeho ni uko Umutoni na Hirwa bafite nyirakuru mwiza.




Umutoni na Hirwa baramuhobera cyane bamusezeraho.





Byageze aho abana barananirwa barasinzira.



Bagezeyo se arabakangura. Basanze nyirakuru Nyirakamana yiryamiye ku musambi munsi y'igiti. Nyirakamana yari umukecuru mwiza kandi ugifite imbaraga.





Se agarutse kubafata, ntibifuzaga gutaha. Binginga Nyirakamana ngo bajyane mu mugi. Aramwenyura ati: "Bana banjye ndashaje sinaba mu mugi. Nzajya ntegereza ko muza kunsura."



Hashize igihe gito ibiruhuko birarangira. Abana bagombaga gusubiraa mu mugi. Nyirakamana yahaye Hirwa ingofero, Umutoni we amuha umupira w’imbeho. Arangije abapfunyikira impamba y’urugendo.





Nyirakuru yabahaye ikaze abinjira mu ruganiriro. Ibyishimo byinshi biramusaba arabaririmbira ari nako azenguruka icyumba acinya akadiho. Abana nabo bari bishimiye kumushyikiriza impano bari bamuzaniye. Umutoni ati: “Fungura impano yange nyogoku!” Hirwa na we ati: “Oya ndanze, banza iyange nyogoku!”



Amaze gufungura izo mpano, Nyirakamana yabahaye umugisha wa kibyeyi.





Barangije gucuruza basangiye icyayi, banafasha nyirakuru kubara amafaranga yavuye mu byo bacuruje.




Undi munsi, abana bajyanye na nyirakuru ku isoko. Yacuruzaga imboga, isukari n’isabuni. Umutoni yakundaga kubwira abakiriya ibiciro by’ibicuruzwa, Hirwa na we akababapyunyikira ibyo baguze.





Hashize akanya, Umutoni na Hirwa barasohoka bajya gukina n’utunyoni n’utunyugunyugu.



Buriye ibiti bakidumbura mu mazi y’ikiyaga.





Umunsi umwe Hirwa yahuye inka za nyirakuru, zijya mu murima w’umuturanyi. Uwo muturanyi byaramubabaje, atera ubwoba Hirwa ko atwara izo nka kuko zamwoneye. Bukeye bw’aho Hirwa yaritwararitse ngo inka zitongera kumuteza ibibazo.




Nyirakamana yigishaga abuzukuru be gukora umutsima wo kurisha isosi. Yanaberekaga uko bateka umuceri wo kurisha ifi yokeje.





Babonye bwije basubiye mu nzu bafata ifunguro rya nijoro. Bafashwe n’ibitotsi bataranarangiza kurya.



Bukeye bw’aho, se yafashe urugendo yisubirira mu mugi abasiga kwa Nyirakamana.





Umutoni na Hirwa bafashaga nyirakuru gukora imirimo yo mu rugo. Bavomaga amazi bakanatashya inkwi. Bajyaga no gutora amagi mu nzu y’inkoko, bakanasoroma imboga mu karima k’igikoni.